0319

K0139352



| | |
|---|---|
| **Identification** | **: RTLM N°19/0319 du 28/12/93 (IIePartie)** |
| **Qualité** | **: Moyenne** |
| **Durée** | **: 60mn** |
| **Transmission** | **: Radio RTLM** |
| **Date de la transcription** | **: Le 13/09/99** |
| **Nom du transcripteur** | **: Uwamahoro M.Vianney** |
| **Nom du fichier** | **: sept19.wpd** |
| **Dictaphone** | **: Voice Processor Modèle 2750 Série 665857** |

**Face A**

**Orateur : Noheli, Umunyamakuru wa RTLM**

..(inaudible) nagiye saa tatu n'igice, ubu bigera na makumyabiri nako n'iminota mirongo itanu mirongo itanu maze ngiye mwumvise umuzika ubwo nari nagiye muri Collège Saint André, mu rwunge rw'amashuri bitiriye Mutagatifu Andereya i Nyamirambo, muri foire. Kubera ko buri gitondo ngomba kujya muri foire, nkamenya uko bimeze, uko bigenda noneho ni contrat dufitanye na foire, noneho mukabimenya, ariko kandi muri foire rero ukuntu bimeze (arimyoje), RTLM iravuga yavuga abantu bose bakumva ibyo ivuze bagakurikira, nkoze ka ankete gatoya i Nyamirambo, i Nyamirambo ngo "NYAMIJYOSI" koko nk'uko Inkotanyi zayise mpaka Nyamijyosi, hariyo Inkotanyi we !Hariyo Inkotanyi we !Muri foire hem (arimyoje) Inkotanyi zaje kera kandi ntabwo ari bibi ni abana bacu bari baragiye baragaruka, baje neza kubera ko nta muntu batera rwaserera, ariko n'umuntu wabwira uti "uri Inkotanyi" ati "ndamaze" ati "ndiyo nyine", him barahari rwose barimo muri foire benshi , benshi. Ariko kandi ndibuze kuganira ikiganiro nakoze kuri foire mugiye kucyumva mu kanya ariko mumaze kumva indirimbo " umwaka mushya muhire", indirimbo mwese mwese tubatuye. Mu kanya murumva ibyo mva..ibyo mvanye muri foire (musique).

..dufite itangazo ryihutirwa ryihutirwa cyane ndetse rigiye kurenza isaha bari bashizeho, ishyaka riharanira riharanira kwishyira no kwizana kwa buri muntu PL, riramenyesha abanyamakuru bose n'abantu bose ko rifite conférence de presse, hum ikiganiro mbwirwa -banyamakuru aka kanya uyu munsi rero aka kanya, kuri iyi tariki ya

makumyabiri n'umunane kuri hôtel Merdien Umubano. M..mwihute mwihute mugereyo muri benshi byasinywe na Depite Kabageni Venansiya, Premier Vice Président du PL. Aka kanya aka kanya rwose, mwihutire kuri hôtel Merdien mwumve icyo abagize PL irimo Depite Kabageni Venansiya babahishiye.

Nshuti mwumva Radio yanyu Radio RTLM nk'uko nabibamenyesheje nk'uko kandi musanzwe mubyumva, buri munsi njya muri foire, foire internationale de Kigali, nageramo nkareba uko bimeze, nkareba umwuka urimo, noneho nkaganira na bamwe muri bo ari abagura ari abaza kureba, ari ba nyiri amasitandi (stands) ari na ba nyiri foire, kuko iyi foire muzi neza ko ari iya Préfecture y'umujyi wa Kigali ifatanyije na Société SERCOTE. Abo ngabo rero iyo tubonanye tuvugana ukuntu bwakeye, bakatubwira na programme y'uko bari buze kubigenza. Uyu munsi rero nahisemo kuganira n'umwe mu bafite stand, nkaganira n'umwe mu baje kureba, ubu ndi kumwe n'umugabo ugiye kubabwira izina rye ababwire n'ikintu rwose akora, ni ikintu yasanze muri foire, kubera ko ubucuruzi afite (biramusekeje) ni ubucuruzi budasanzwe, hem arababwira na mwe bibatangaze, ababwire uko yitwa n'akazi ke jye.. n'amashuri yize kubera ko ni spécialiste mu bintu bikomeye.

**Orateur : Ntirushwamaboko Yohani Bosco**

Nitwa Ntirushwamaboko Yohani Bosco, nkaba nshinzwe imirimo yo gutera intanga cyane cyane ngashingwa imirimo yo gukangurira abahinzi-borozi umurimo wo gutera intanga. Hano rero muri foire, e..twebwe turimo turereka abahinzi-borozi uburyo bwo gutera intanga, bakamenya uko bigenda, kuva bafata intanga z'imfizi bakazibika se, noneho nyuma tukanabereka uko bafata itungo ryafashe intanga rya.. ryatewe intanga

neza, bakafata izakomotse kuri iryo tungo ryabyaye.. iya..donc zabyaye..zabyaye... inyana iturutse ku mu.. kuri izo ntanga mbese ahubwo tukanamwigisha n'ukuntu umuntu yitegura guteza inka ze intanga e.., afata amatungo ye neza.

**Orateur : Hitimana Noheli**

Reka dutangire e.., reka dutangire dutangirire ku bikoresho uku..mbese ugende ubasobanurira uti ntangira ntya ngahereza hariya kugeza igihe nyine iyo nka i.. i..ifatiye intanga.

**Orateur : Bosco**

Ye..hano turerekana igikoresho cya mbere na mbere, e..bakoresha mu gufata amasohoro y'imfizi. Birumvikana yuko imfizi utayibwira ngo sohora ngo ndashaka gufata intanga zawe, ahubwo uyi..urayototera,ukayicunga neza, ugategura uburyo, wayiyobya aho kugira ngo ishyire, e..inkaka yayo mu nda y'amaganga y'inka ngo iyimye nk'uko dusanzwe tubizi, icyo gihe ahubwo urayiyobya ukayishyira muri iki gikoresho bita vagin artificiel mu Gifaransa, mu Kinyarwanda ntabwo nabasha kubona mbese ni nk'i..ni ni.. ikintu biganye gisa n'inda y'amaganga y'inka yarinze, noneho ubwo harako..hari ibyangombwa bi..bakurikiza kugira ngo babashe gutegura ahantu imfizi ku buryo niba ishyize inkaka yayo nk'aho yakwimije mu nda y'inka yarinze, ishyire muri iyi vagin artificiel yumve nta tandukanyirizo, gutyo noneho yibeshye ko yashyize mu nda y'inka yarinze kandi rero ahubwo yashyize muri iyo vagin artificiel twayite..twayiteze uyiba nyine umugono noneho amasohoro agasohoka ajya mu kantu k'aga tube, ako ga tube rero ugahita noneho ugafata ukakajyana ahabigenewe muri laboratoire bagatangira gupima ayo masohoro y'imfizi.

Ayo masohoro rero iyo bapima bapima ki ? Icya mbere na mbere bapima e..bareba niba nta microbes zirimo kuko n'ubundi n'inka na zo zifite indwara zanduza..zanduzanya mu bitsi..mu guhuza ibitsina, noneho bagafata na none e..e..microscope bagapima ubu(inaudible) n'ubumuga bw'intanga kuko na byo bibaho, bakareba intanga niba koko zifite ubushobozi bwo kuzajya guhura n'intanga-ngore, inyinshi hari ubwo usanga yenda zidafite nk'umurizo, kuko umurizo n'ubundi zigenda nk'umuhini mbese nk'uko ubona umuhini, mwese muzi umuhini uba mu mazi, zigenda.. iyo zidafite nk'u..do..murabona ko umuhini udafite umurizo utabasha gukomeza kugenda ngo uhure.. mbese ngo ujye aho ushaka.

Iyo rero intanga ifite umurizo utuma ikomeza i..kagenda igahura n'intanga-ngore noneho ikagomba guhura na yo mu masaha byibura atarenze atanu imaze kuboneka intanga-ngore kuko nyuma y'amasaha atanu iba ubwayo ihita iyonga igashonga igapfa, iyo ibuze intanga-ngabo. Icyo gihe rero iyo intanga-ngabo itabashije kuhagera muri ayo masaha ni bwo wumva ngo inka ntabwo yafashe cyangwa se e..ngo inka e..ngo cya kimasa ngo ntikizi kwimya ahubwo yenda bishoboka ko ama..intanga zayo ubwazo ahubwo zo zifite ibyo bibazo hari n'ubwo yenda usanga zifatanyije imirizo,
iyo zifatanyije imirizo urabona yuko ufashe ihene ebyiri ukazizirikanya nta n'imwe ibona aho ijya, donc imwe irakurura aha n'indi igakurura hariya, ntihagire n'imwe ibasha gute.. gutera umutaru.

Hari ubwo rero usanga muri izo ntanga zifatanyije imirizo yenda ari nka nyinshi cyangwa se ari nkeya, hari ubwo usanga intanga ari u..ari dutoya cyane bigahita bigarara ko iyo mfizi yimya ka..cyane kuko na yo ugomba kuyiha igihe cyo kuruhuka

ngo ngo yongere kandi izindi ntanga kuko ubundi guhozaho bituma na yo itabasha kwimya neza, nti..ntabwo ifata.. ntabwo ibasha gufatisha neza. Iyo urangije kugu..gusuzuma ugasanga intanga nta kibazo, uhita noneho wiga uburyo bwo kuzi..kuzifungura kuzifungura..bakoresha amata cyangwa se batayafite bakoresha amagi avanze n'ibindibindi bya glucose donc..e.. ibintu intungamubiri noneho izo ntanga zikabasha e..kurya ariko na none ari nabwo bwo kuzifungura.

Uti ese kubifungura bituruka hehe ? Kubifungura ni uko icya mbere na mbere bahera ko e..imfizi ubwayo i..iyo isohoye rimwe, ni ukuvuga kwa kundi ivunira rimwe iyo ivuniye inka rimwe, burya iba yohereje byibura nka miliyari eshatu. Kandi rero abashakashatsi bararebye basanga e..miliyoni mirongo itatu gusa zihagije kugira ngo zibe zabasha gu..kubyara, gufatisha. Ubwo rero bagasanga mili..miliyoni.. miliyare eshatu na miliyoni mirongo itatu hari igiteranyo do.. hari..intera ndende bakavuga bati "ni ugupfusha ubusa igihe inka uyihaye miliyare eshatu kandi na none miriyoni mirongo itatu zihagije kugira ngo zibe zabyara. Ubwo rero akamaro ka insémination artificielle ni uko iyo imfizi washimye ubasha gutubu...ubasha gutubura intanga zayo, ni ukuvuga yuko e..aho kugira ngo isohore rimwe gusa himye inka imwe ahubwo rya sohoro rimwe ufite kurivanamo e.. "dose" mbese ni ukuvuga inshuro nk'ijana byibura zo gu..gutera izindi nka ijana; ubwo ni ukuvuga yuko icyo gihe amasohoro birumvikana ko e... icyo gihe.. pardon, icyo gihe..e..umubare w'inka uba wiyongereye, ubwo nyine iyo imfizi yashimwe mu karere ika..gutyo ibasha kugera ku bahinzi- borozi benshi aho kugira ngo icike umugongo yimya inka gusa ikaba yakwimya kuri ubwo buryo bwa insémination artificielle inka ijana.

Iyo urangije rero kuzi..fungura, uzishyira nyine uzifungura ukazishyira muri utu tuntu bita batwi..ni utunyereri mbese ariko ubundi ni paillote.mu Gifaransa, ubwo izo paillote mu Gifaransa e..nk'uko ubibona hano hari umwanya binjirizamo ayo masohoro bagahita banafunga nk'uko nyine bafunga..murabona muri laiterie ukuntu bafunga ya mata e..bagafunga mbese nk'uko bakaniga bakaniga ku mutwe ku mutwe umwe undi mutwe murabona ko hariho agapamba, aka gapamba gatuma e..urushinge rutera intanga rwinjira muri ka gapamba rukagenda noneho rusunika rusunika ya masohoro, kugira ngo nyine igihe itangiye gutera nyine asohoke agwe e..mu nda y'inka ibyara.

Iyo urangije kuzifungira muri utu tuntu, icyo gihe uhita noneho bazikonjesha, intanga..zikonjeshwa mu mwuka witwa azote, azote ni umwuka uba mu kirere, noneho dufite imashini hariya mu Rubirizi, ivanamo azote, ikayi..ikayivangura n'indi myuka yo mu kirere, noneho tukayibika muri ibi bintu by'ibicuba , bita biosta, noneho biriya bicuba noneho tukabibikamo ubwo intanga na zo tuzishyira,.. intanga na zo tuzishyira e...muri iyo azote, ubwo hari uburyo nyine murabibona ku mafoto hano uburyo bwo ku..kuzikonjesha, zikonjeshwa munsi ya zeru inshuro ijana na mirongo urwenda na gatandatu, ndavuga munsi ya zeru, ni ukuvuga yuko ufashe za congélateurs zimwe zigira ijana ni inshuro ebyiri za congélateur, muribuza munsi ya zeru, mwibuke ko munsi ya zeru amazi.. ubundi kuri zeru ni ho amazi atangira kuba barafu noneho mutekereze munsi ya zeru munsi ya zeru inshuro mirongo.. ijana na mirongo urwenda na gatandatu, zibikwamo gutyo rero, zikaba zabikwamo e.. byibura imyaka nka mirongo itatu, ni ukuvuga ko akamaro ki.. ko gutera intanga ni uko nk'ubu ngubu tuvuge e..igihe intanga zibikika zikabikika imyaka myinshi, bituma twebwe tubasha kuzigura no mahanga cyangwa se n'abaje kuzifata iwacu bakazitwara gutyo igihe

cyose ziri munsi.. muri azote nyine munsi ye..ya niveau y'azote iteka igihe cyose ziba zarengewe n'azote ntacyo zifite kuba zaba byibura imyaka mirongo itatu. Ababikora rero barabizi bazi yuko batagomba na rimwe kuzivana muri iyo azote kuko iyo uzivanye muri azote icyo gihe zitangira noneho kongera..donc ubwo zihita zipfa. Ibyiza rero ababikora barabizi babikora ite..iteka e.. iteka ...teka uyivanamo uyitera gusa, ubundi igihe cyose ihora muri azote.

**Orateur : Noheli**

Urakoze, ariko Abanyarwanda bakunda ikintu kimwe, iyo umubwiye ibintu aravuga ati mbwira kwa kanaka ati izo nka ziba kwa nde ? Mwazibonye kwa nde ? Waduha ingero?

**Orateur : Bosco**

Nabaha ingero, murabona e..twatangiye muri mirongo irindwi.. mirongo inani pardon, mirongo inani na karindwi, ubwo dutangira twi..twimenyereza gahoro gahoro, murabona yuko inani na karindwi hatewe inka ijana ijana na cum..ijana na cumi n'eshanu, inani n'umunani ha.. haterwa igihumbi na magana ane na cumi na karindwi, inani n'icyenda haterwa igihumbi na magana cyenda, e..mirongo urwenda haterwa bine magana ane na..magana ane na mirongo itandatu na gatatu, urwenda na rimwe bitandatu e.. na magana atatu na mirongo itatu na zingahe, e..inani.. urwenda na kabiri bitanu magana cyenda n'ibindi, ubu ngubu noneho ubu raporo ntiziratugeraho twari tumaze kugera muri bine. Urabona rero yuko mu Rwanda hose murabona e..za GBK, za DRB, za.. mu RUBIRIZI, SONGA, OVAPAM intambara itaraza, murabona yuko byagiye bikorwa hariya ni umubare w'inka zatewe intanga mu.. buri karere buri gace k'igihugu,

noneho turebye hariya ibumoso murabona mo..uko hari inka za..zavutse kuri izo ntanga tumaze kugira rero inka ibihumbi bitanu na makumyabiri ni ukuvuga zi..zimwe zari inyana zabaye inka ubu ngubu izindi ziracyari inyana, tumaze kugira umubare w'ibitigiri ibihumbi bitanu makumyabiri na rimwe w'inka zimaze gukomoka ku ntanga. Ibyo rero tukaba tubyishimira cyane, n'ubwo dukomeza kugenda tugerageza kongera ku..kwameliyora (améliorer) ni ukuvuga yuko twagerageza gutera indi ntambwe. Turabyishimira cyane kuko uramutse urebye izo nka kugeza ubu ngubu, ingero ni nyinshi rwose hirya no hino ntago nazirangiza hose kuri buri murenge, hano hafi muri aka karere dutuyemo hari inka zatewe cyangwa se na kiriya na kigo cy'iwacu cyangwa se na.. n'umushinga w'i Masaka, hari inka zavutse ubu ngubu nyinshi zitangiye gukamwa litiro cumi n'eshanu litiro cumi n'eshanu, litiro cumi n'esheshatu, uzigereranyije rero na za zindi zavaga muri Zimbabwe usanga ntacyo zizirusha na busa kandi zaragurwaga hafi ibihumbi ijana na mirongo itanu , icyiza cy'ibi byo gutera intanga ni uko ubu ngubu abahinzi-borozi, nk'umuturage umubwiye ngo " tegenya amafaranga ibihumbi ijana na mirongo itanu nyuma y'imyaka ibiri ubu...ubu uzigurire inka", ntiyayabona, ariko iyo umutereye, twatangiye duterera umuntu ubu turagenda tu.. tubasaba yuko bagira na bo ka participation gatoya, nk'ubu ngubu iyo umutereye, iyo avukishije inyana yenda afite kuvukisha inyana, akavukusha cyangwa ibimasa, iyo abashije kuvukisha inyana akagira Imana donc...iga..igakura, icyo gihe nyuma y'imyaka ibiri byanze bikunze inyinshi ziba zitangiye kubyara, cyangwa se kwima zamara.. ibyo ari byo byose mu myaka itatu abafite iyakomo.. donc aba afite inka yabyaye. Akenshi rero urebye ubarebye bose bishimira umukamo, urabizi kubona nk'inka yawe yakamwaga amalitiro imwe cyangwa se abiri, agakombe ka kigozi, ugiye kubona ubonye ufashe indobo urayikamye iruzuye, urongeye ufashe yenda

n'akandi gacuba ukamye amalitiro cumi n'abiri icumi se cumi n'ane, ni ikintu gikomeye cyane umuturage yagombye kwishimira.

Ntabwo navuga ngo kwa kanaka kwa kanaka ni benshi cyane na..yenda ubwo ngubwo hari abo nakwi... (silence + urusaku) icyo nababwira ni uko zirahari ni nyinshi kandi ziragenda ziyongera tugize Imana ye..tugakomeza kubona..uburyo bwo ku..kwegera abahinzi-borozi ndumva rwose mu minsi itaha ikibazo cy'amata kizabasha kubona igisubizo, kuko Abanyarwanda turash..gikeneye, turayakeneye cyane cyane mu..mukugaburira abana mu ku..e..mu kuyakoresha mu buzima busanzwe, icyo kibazo kizaba.. rwose kizabona igisubizo mu mi..mu myaka itare..itarambiranye.

**Orateur : Noheli**

Murakoze. Nshuti mwumva Radio yanyu Radio RTLM rero uyu munsi nababwiye ko ndasura stand imwe irahagije, mwumvise ko ibyo mu imurikagurisha, ibyo muri foire internationale de Kigali ntabwo mvuga ngo birimo amayobera, ahubwo birimo uburyo bwinshi, ku buryo mwese abashaka kureba, abashaka kwihugura, abashaka kubona ibintu muta..mudasanzwe muzi biba muri iki gihugu mwaza hano muri Collège Saint André noneho mukihera amaso, eh mukabona ibyo mwari muta..mutazi, ibyo mwari mutazi, n'ejo nzakomeza mbabwire n'ibindi. Murakoze.

(arakoroye) nshuti mwumva radio yanyu turacyakomeza, hano muri foire mpasanze umugabo musanzwe muzi mwese Rwishyura Appolinaire, Rwishyura Appolinaire dufite icyo dupfa, icyo dupfa ni kimwe ni uko imizika ye avuga ati "nzayibaha"

cyangwa nyibahe mujye muyihitisha kuri radio. Kubera ko no Radio Rwanda ihita buri gihe, kuri Radio RTLM ikaba idahita. Rwishyura Appolinaire dupfa iki ?

**Orateur : Rwishyura Appolinaire**

Ubundi koko nitwa Rwishyura Appolinaire, ariko nkaba ntafite ku mutima urwango rwa Radio RTLM, nta cyo mpfa na yo ahubwo.. nubwo uvuze ko Radio Rwanda ihitisha indirimbo zanjye, niba inazihitisha ahubwo ni ubujura nk'ubwo yari isanganywe, ni igitugu kuko indirimbo zanjye nazihagariste hamwe n'abandi baririmbyi benshi twakoze ibarwa turandika, ibarwa iriho n'itariki twazihagarikiyeho, ntabwo rero ndazikomora ku buryo nazisubiza Radio Rwanda kuko icyo twapfaga e..cyerekeye kubahiriza uburenganzira bw'Umuhanzi, droit d'auteur mu rurimi rw'Igifaransa, ntabwo yigeze ibyubahiriza, ntabwo rero indirimbo zanjye nigeze nziyirekurira, naho RTLM yo kuko igitangira akaba ari umugore mushya, ntabwo Abanyarwanda bavuga ko nimye Radio RTLM indirimbo, ahubwo Radio RTLM ni uko e..itari, yatangira kugeza amajwi kure e..ikaba ikiri hafi turacyashakisha rero uburyo twakomeza kuyitera inkunga kugira ngo amajwi namara gusakara nzayiha indirimbo z'umusanzu zigera kuri ebyiri izisigaye na yo izubahiriza uburenganzira bw'umuhanzi. Ariko mbaye nsezeranyije Abanyarwanda bumva Radio RTLM ko ndegetse kugira nyihe indirimbo, ndetse Imana imfashije e.. bakazazumva mu kwezi kwa.. Mutarama mirongo icyenda na kane.

**Orateur :Noheli.**

Urakoze,urakoze, ngusanze hano muri foire, foire ni iy'Abanyarwanda foire ni amajyambere, iyi foire wowe wayibonye ute ? Amatsiko yakuzanye, amatsiko yawe

wayashize? Wabonye iki ?

**Orateur :Rwishyura.**

Iyi foire wa mugabo..we burya ngo ijisho ry'undi ntirikurebera ibyiza. Kera baravugaga ngo ntirikurebera Umwami none Abami bavuyeho turi muri demokarasi. Nahurujwe n'umuntu, nako n'abantu na bya bindi baramuka bavugaga kuri radio ngo nta mugabo uri gusiga umugore, ahubwo nagize Imana nanjye uwanjye nari ngiye kumuzana, ngo ahari batanseka maze rero iyi foire narebye, ntabwo rwose mbivuze ntabwo ari ugusebanya ntabwo ari iki, n'undi wese yagend..wabaza yabivuga, ntabwo ari programmé, ntabwo iri gukorera kuri porogaramu ni ibintu by'akaduruvayo.

Umva icya mbere, ni ubucuruzi nk'ubundi, umucuruzi rero iyo isaha igeze aravuga ati "ndafunguye", isaha yagera ati "ndafunga" akayivuga noneho uri kuhagera ushaka akantu ugasanga uwo arafungura saa munni, ugasanga uwo arafungura saa tanu, ugasanga uwo arafungura saa yine, ni akaduruvayo ntabwo ibintu bifite organisation nziza ntabwo biri kuri gahunda, ndetse jye mbona ko ahari muri ibi bihe turimo ari uburyo bwa bamwe bwo kugira ngo biyerekane ukuntu basa n'iki no kurangaza abandi, n'aho ubu ngubu ntabwo ntabwo navuga ko iri ngiri ari imurikagurishwa nk'uko nari nsanzwe ndibona aho ryari risanzwe ribera warazaga ukavuga uti ndagiye aha n'aha ndahashaka iki n'iki ndakigura ukagenda, ugakomezaho programme, jyewe ibintu nta..ntabwo nabisobanura bihagije kuko nari umucuruzi ngo na njye mfite icyo nacuruzamo ariko n'abandi bacuruzi baje na bo nka twe baje bazi ko baje mu imurikagurishwa nk'uko bari basanzwe barizamo barijyamo, na bo iri ngiri byabayobewe bumiwe.

**Orateur : Noheli**

Nshuti mwumva radio yanyu Radio RTLM, abategetsi b'iri murikagurishwa, iri huriro mpuzamahanga, ni bo badusabye bati "Radio RTLM buri munsi ijye iraza irebe ivugishe ukuri uko bimeze". Ukuri kwacu ni uko rero, ukuri ni uko abantu bazamo bavuga, ukuri kwacu ni uko buri munsi bavuga uko bimeze ariko kandi abexposants abafite amastandi bajye baza ku gihe, umuntu ye kuza avuga ati " ts ngiye nko kugura nka akadivayi ha hantu nabonye ka kagwa cyangwa iki asange abantu bariyizira saa munani, ibyo ngibyo biramubabaje na njye buri munsi nzamo saa tatu mba mpageze, ariko nzamo iyo mbabaye nta kundi twabihisha ukuri kugomba kunyura mu kuri kunyura mu ziko ntigushye, ...turibuze kongera turebe uko bigenda.

Nshuti mwumva radio yanyu Radio RTLM ndi hano muri foire internationale de Kigali,e...ndahageze mvuye kuri Radio Rwanda nk'uko nyine nahoze mvuga mu kanya nk'uko nari mbararatse, ariko kandi mpahuriye n'abasore barimo Inkotanyi, Inkotanyi zaje kera turabana turi kumwe turamenyeranye, bati "twumvise Radio RTLM" bati "ibintu mumaze kuvuga ngo hari ibyansi hari n'abajyana ingoma za Nyacyongo kugira ngo ..izo Nkotanyi z'amarere bazakire, bati "ibyo bintu muri kuvuga kuri Radio RTLM rwose gushyushya imitwe y'abantu", bati "ibi bintu koko ni byo cyanga murashaka kugira ngo abantu bamerane nabi" ? Ndagira ngo mbaze iyi Inkotanyi noneho itubwire iti abagiye Nyacyonga yenda bakoze ikosa cyanga barakarama nibajyeyo.

**Orateur : Non identifié**

Mbere na mbere icyo nabanza kuvuga njyewe uko uvuze jye ntabwo ndi Inkotanyi nk'uko ubivuga.

**Orateur :Noheli**

Wenda ushobora kuzaba umuyoboke nibiba ngombwa.

**Orateur : Non identifié**

Ariko rero ubu ngubu ntabwo nari naba Inkotanyi. Jyewe icyo mvuga ni uko dushobora kuvugisha ukuri mbese nkavuga uko ibintu mbibona, ni uko nari maze kumva abantu hano mu kanya bavuga (inaudible) bavuga ngo ni ukuvuga ngo abantu kugenda n'ibyansi ngo hasho..hashobora kuza kuvuka amahane, jye rero ku bwanjye ndumva nta mahane yahavuka kuko ziriya Nkotanyi ni abavandimwe ni a..ni abantu mbese basanzwe ni kimwe n'abandi bose n'ingabo kimwe n'izindi ndumva nta mahane byatera n'ikibazo.

**Orateur : Non identifé**

Nshuti mwumva radio yanyu rero Radio RTLM murikumva ko eh ! ah! n'abo umuntu abona akavuga ati " ndi Inkotanyi" mu kanya akavuga ati "ndiyo ndamaze", eh ! Ariko mu kanya akakubwira ati "jyewe" ati "bariya bantu na bo ni abavandimwe" nta kibazo kirimo baze neza, tubakire nk'uko nabivuze kuva kare tubakire baze mu mucyo, hum ! N'aho ubundi...abashavuye muri iki igihugu bari mu bice byinshi, Abatutsi bashavuye barahari, ahubwo reka nkubwire n'akandi kantu hari Inkotanyi twaganiriye tuganirira ku Kabusunzu Rutayisire, Directeur wa Radio e..Muhabura, yarambwiye ati "ahubwo ikitubabaza ni uko Abatutsi bari mu gihugu batadufashije", ati "iyo badufasha" ati "jye navutse ndi Inyenzi Inkotanyi (inaudible) kubera ko ba Kanyarengwe batwivanzemo bakaza Abahutu bakatwivangamo, noneho(inaudible)

Inkotanyi tukwitwa iryo zina. Ati "Abazungu batwivangamo n'abandi bantu ubona b'Abanyamahanga bakadufasha, tuzahindura izina tube n'intare".

Hem ubu rero nibaza ibyo bibazo abakibifite nizeye ko..bari baza ari menge kandi kuba menge ni buri muntu kuba menge ni ikibazo cya buri muntu, uzaryame umenye ko urabyuka, ibyo byose tubikesha Nyagasana, si byo mwa ?

**Orateur : Non identifié**

Ye..ibyo ari byo uvuze ariko rero tugomba kumenya ko bariya bantu rwose ntabwo ari uku..singombwa kubamagana icyatumye barwana bari bafite impamvu, kandi na ziriya mpamvu ni zo zatumye n'ariya masezerano abaho bagasinya, kuva rero baremeye gusinya buriya hari impamvu zababa..basinye. Si ngombwa rero kuvuga ngo bariya bantu ngo..dutangire tubangishe abantu ahubwo bagomba kuza bakumvikana n'abantu, bagakorana bakabana n'abandi, aho kuvuga ngo ikibazo..cyo gutera amahane ndumva jyewe nta mahane azahavuka ari abavandimwe kimwe n'abandi.

**Orateur : Noheli**

Wowe uba muri iki gihugu uba i Kigali, bo ntibaba i Kigali hari n'aba..bavuka hari na bamwe bavuka batari bagera n'i Kigali, hum bavukiye za Uganda, bavukiye za Burundi bavukiye za Zaïre bavukiye mu mahanga i Burayi, muri Amerika baraza si byo, baraza, abantu rero ikibazo baragira cyangwa turagira ni uko hari abantu badamaraye i Kigali, muri uko kubashengerera bababoha hum ! Baboha ba bana bacu abana aha..nyamara..hum ! Abo bantu badamaraye inaha ngaha kandi abandi bafite ibyabo

bibazo, naganiriye n'Inkotanyi nyinshi barambwiye bati "iwacu mu Nkotanyi ntiduhembwa" ariko ubu ngubu ni bwo bwa mbere bagiye kuza ku kwezi babahe iposho ryabo babahe amafaranga, bahembwe, urumva rero ko niba bagiye kuza bagahembwa, bakaza bakinjira mu gihugu, bakaza ari abana twemera twasinye Arusha, twarasinye kugire ngo tuzabane, abandi be kubavangira turiya...nongere niyame abantu bashaka kubavangira binjira muri iki gihugu abantu bashaka kubavangira babyikuremo, bitwa Abatutsi bitwa Abahutu bitwa Abatwa babyikuremo be kubavangira. Un point un trait.Murakoze.

**Orateur : Non identifié**

Alleluya !

**Orateur : Noheli**

....Kiroboto Kiroboto wari utuye i Kiramuruzi muri ubabajwe no kumenyesha inshuti n'abavandimwe ko Harerimana Juma bitaga Kiroboto yitabye Imana muri iri joro ryakeye. Imihango yo kumushyingura irabera i Gakenke muri Komine Murambi uyu munsi mu ma saa saba kuri aya manywa. Bimenyeshejwe cyane cyane Nsengiyumva Issa uri mu rugendo muri Kenya, Murashemo Hamisi uri muri Tanzaniya, mama Selemane uri i Kigali, mama a..Amri uri i Kigali, Amani Abdalah uri i Kigali, Mohamedi Abdalah w' i Rwamagana, .....Robine uri i Kigali, n'inshuti n'abavandimwe bose, bose bose b'uwo muryango bakaba basabwe bose gutabara.

Twongere tubagezeho ishya..i..itangazo ry'ishyaka itangazo ry'ishyaka riharanira ukwishyira ukizana kwa buri muntu PL bara..baramenyesha abanyamakuru bose

n'abantu bose ko bafite conférence de presse uyu munsi kuri aya masaha kuri hôtel Merdien Umubano, mujyeyo muri benshi rwose mwihute igomba kuba yanatangiye kuko bari bavuze ko iratangira saa yine, bikaba byasinywe na Depite Kabageni Venansiya, Premier Visi Perezida wa PL mu gice arimo.

Mvuge ngo ku gice arimo kuko tujya tuvuga amatangazo ya PL ku bice byinshi, ibihe ? Nshuti mwumva radio yanyu Radio RTLM, nigeze kubabwira ko radio yacu muri iki gihe twiyemeje ku..jya tubagezaho ibiganiro mu ndimi ebyeri, Igifaransa n'Ikinyarwanda, hari communiqué mwumvise ku maradio, hari communiqué yagiye ihita, ari mu maradio Radio Rwanda, ari na radio zo mu mahanga, muri za BBC muri za radio zo mu.. Budage Radio Deschewell, Radio France..Radio France Internationale, ibintu byose bagiye babivuga, na twe kandi twa..twabikomojeho twabivuze ariko kandi iyo umaze kubona copie y'itangazo icyo dukora ni iki ? Ni uko Radio RTLM ari radio yihutisha amakuru noneho tugahita tubibagezaho.

Communiqué de presse yasohotse yasohotse ejo, nk'uko bisinye itariki myakumyabiri n'indwi z'ukwezi kwa cumi na kabiri muri mirongo icyenda na gatatu, communiqué yasinyweho na Joseph Nzirorera Secrétaire National ku kubyi..ku gice cya..ku ruhande rwa MRND i...ri tangazo ryasinyweho na Justin Mugenzi Perezida wa PL, iri tangaza ryasinyweho na Donati Murego e..Secrétaire Géné...Secrétaire Exécutif wa MDR, e..rigasinywaho pour la présidence de la République hum ! Kuyu..ku ruhande rwa présidence ya Repubulika nari no kurigira ndetse na Juvénal Renzaho umwe ni Directeur de cabinet undi akaba Conseiller, ityo tangazo rero riri mu Gifaransa, nababwiye ko hari igihe mu..mu bya politiki biba bikomeye nkabisoma uko biri,

kubishyira mu Kinyarwanda nkitonda, reka rero ndibagezeho saa tanu isigaje iminota itanu hano i Kigali, communiqué de presse :

Le Président de la République Le Général Major Habyarimana Juvénal a dirigé une réunion de travail ce lundi 27 décembre 93 au village Urugwiro, réunion qui devait regrouper les représentants des partis politiques appelés à participer au Gouvernement de transition à base élargie. Le Premier Ministre Madame Uwiringiyimana Agathe a participé à cette réunion. La réunion a examine la question relative à la mise en place des transi..des institutions des institutions de la transition avant le 31 décembre 93, conformément aux engagements pris par le Gouvernement rwand...

**Fin de la face A**

**Face B**

**Orateur :Noheli**

(inaudible) la réunion ainsi que le Premier Ministre désigné du Gouvernement de transition à base élargie, Monsieur Twagiramungu Twagiramungu Faustin. Kare nigeze kubamenyesha ko ubwo mbe muhagazemo gatoya abavuga Igifaransa babyumvishe, ariko kandi mu Kinyarwanda naho ubundi sinshobora nshaka kugira ngo gende nsesengura, nsubiramo ijambo ku ijambo, kubera ko ibya politiki biruhije. Reka

mbabwire muri make ko inama yateranye ku itari.. ku itariki makumyabiri n'indwi z'ukwezi kwa cumi na abiri muri uyu mwaka muri Village Urugwiro, ku wa mbere, yari yatumiwe na Perezida wa Repubulika Jenerali Majoro Habyarimana Yuvenali, ari na we wayoboye iyo nama, akaba yari yahamagaye, abayobora ama..parti za partis politiques bagomba kugira ngo bazashyireho Gouvernement Gouvernement, iyo..Gouvernement de transition, Gouvernement nyine yo mu nzibacyuho yaguye , iyo nama rero yagezwemo na Ministre w'Intebe Madame Uwiringiyimana Agata, yari ayirimo.

Hum ! Iyo nama ikaba yarize ukuntu bagomba gushyiraho abategetsi bo muri iyo nzibacyuho yaguye nk'uko nyine babisezeranye, ari Gouvernement y'u Rwanda yabisezeranye n'abo bakoranye inama hamwe i Kinihira, ku itariki ya cumi z'ukwezi kwa cumi na kabiri, muri uyu mwaka. Ubwo rero ku mashyaka atanu yagombaga kujya muri iyo nama, hem kandi aka..akaba ari na yo azajya nyine muri Gouvernement ndetse no mu..nteko ishinga amategeko, a..abo ngabo bazafatanya n'andi mashyaka yabyiyemeje yemeye kujyamo, amashyaka atatu gusa niyo yitabiriye ubutumire bwa Perezida wa Repubulika; ayo mashyaka akaba ari MR.. MRND, MDR na PL, PSD na PDC bati "ont boudé", bouder rero.. mu Kinyarwanda ni nka wa mwana wanga ibiryo kandi abireba, akanga kujya mu bintu kandi abireba kandi abizi, abo bantu rero "ils ont boudé" ni ukuvuga ko barabirebye barabyihorera, babyihorera kandi babizi, hum na Ministre w'Intebe désigné bashyizeho washyizweho Arusha, hari abantu bajya bavuga ngo yashyizweho muri constitution Arusha, yashyizweho ku mategeko ashyirwaho Arusha asinyirwa ko azaba we, na we yarabirebye arabyihorera, kandi uko inkuru zangezeho kandi z'ukuri, Bwana Twagiramungu Fawustini ejo bakora inama mu

Rugwiro na we yari mu Rugwiro ari mu biro bye ariko aravuga ati " singiyeyo" em, kare nababwiye ko hem, nababwiye ko abandi ari Gafaranga, ari Ngango, ari na Gatabazi, ari Nayinzira bari bari he se ? Hem, bari bagiye muri Fund-raising gushakisha amafaranga bagiye kuyashakisha ku Mulindi ku Mulindi, wa Byumba, niyo mpamvu rero bavuze bati nongere mbivuge bati "twebwe dufite andi mayeri twakoresha ari PL yaranze, ari PSD , ari PDC, ari MDR bita Runari ya Twagiramungu, ndetse na FPR ibishatse kubera ko ikinira ku..ku mpu zombi ikenera ku mpu zombi, yo yi.. izi aho igana, izi aho igana (inaudible) ati"twabibwira Kavaruganda akaturahiza tugakubitaho Gouvernement rwose rwose" iyo ni coup d'Etat y'amayeri ariko kuyikora kandi byamenyekanye byabarushya, byabarushya cyane kubera ko Kavaruganda na we ni Umunyarwanda arabizi azi uko yashyizweho azi neza n'uko yavaho. Reka nkomeze mu Gifaransa rero, iyi communiqué de Presse : "..était présent à la réunion :

Le MRND, monsieur Matthieu Ngirumpatse Président de MRND, monsieur Edouard Karemera, Premier Vice-Président du MRND, monsieur Ferdinand Kabagema Deuxième Vice Président, du MRND, monsieur Joseph Nzirorera Secrétaire National du MRND.

Au MDR, Dismas Nsengiyaremye Premier Vice-Président du MDR, monsieur Frodouard Karamira deuxième Vice Président du MDR, docteur Donat Murego Secrétaire Exécutif du MDR.

Pour le Parti Libéral, il y avait monsieur Justin Mugenzi Président du PL, madame

Agnès Ntamabyariro Premier Vice Président du PL, et Maître Stanislas Mbonampeka.

Après un long débat, la réunion a adopté les conclusions suivantes : Les participants ont regretté à la réunion lors de l'abscence des partis PSD et PDC ils ont lancé un appel pressant à ces partis, ils acceptent que la voie de.. du dialogue est la seule pouvant permettre le consensus nécessaire celui pour la mise en place des institutions de la transition dans les délais convenus.

De façon particulière, ils ont déploré que Monsieur Twagiramungu Faustin, Premier Ministre désigné s'est absenté de la réunion alors qu'il y avait été expréssement invité par le Présisnt de la République en cette qualité. Ils se sont étonnés d'un tel comportement que le Minitre désigné qui fuit le diologue avec les forces politiques avec lesquelles est appelé à collaborer.

Troisièmement, les participants à la réunion ont réaffirmé leur engagement ferme à respecter les clauses contenues dans l'accord de paix. A cet effet, ils ont rappelé à tout les partis politiques pour qu' ils apportent tous leur appuis en vue de la mise en place des institutions de la transition. Ils se sont engagés à tout faire pour que les engagements pris à Kinihira soient respectés.

Quatrièmement, les participants à la réunion ont rappelé les dispositions de l'article soixante du protocole d'accords sur le partage du pouvoir. D'après cet article députés à l'Assemblée Nationale de transition sont nommés dans les forces politiques

auxquelles ils appartiennent. Ils ont par ailleurs rappelé l'article 52 du même protocole, e..ils disposent que ils disposent que.. le Premier Ministre du Gouvernement de transition à base élargie engage une concertation avec chaque fa.., chaque force politique, dans le choix des candidats au porte-feuille dévolues aux différentes forces politiques.

Ils éstiment en conséquence, que les membres du Gouvernement ainsi que les Députés à l'Assemblée Nationale de Transition doivent être désignés préalablement dans les organes des partis auxquels ils appartiennent. Les organes directeurs de ces partis transmettront dès lors les listes des personnalités désignées dans leurs partis au Président de la République, à l'Assemblée Nationale de transition et Premier Ministre désigné pour le Gouvernement de transition à base élargie.

Cinquièmement, les participants à la réunion ont regrétté qu'à ce jour le programme gouvernemental n'a pas encore fait l'objet de discussion formelle entre les forces politiques et le Premier Ministre désigné du Gouvernement de transition à base élargie comme cela est prévu à l'article 18 du protocole d'accord sur le partage du pouvoir. A cet effet, ils ont souhaité que le Premier Ministre désigné s'acquitte s'acquitte urgemment de cette obligation .

Sixièmement, le Président de la République et le Premier Ministre et les partis politiques représentés à la réunion ont réitéré leur volonté de voir les institutions de la transition mise en place dans les délais fixés à Kinihira d'autant plus que la Mission des Nations Unis pour l'Assistance au Rwanda "MINUAR" nous apprend que toutes les conditions soient réunies en ce qui concerne ses préstations.

Septièmement, ils ont exprimé leur espoir qu'aucune force politique ne portera préjudice aux intérêts du peuple rwandais en faisant une entorse quelconque à la mise en place des institutions de la transition ou en voulant éviter le processus politique entre les partis.

Dans la recher.. huitièmement, dans la recherche des sollutions aux différends qui subsistent dans certains partis politiques, les participants à la réunion ont fortement encouragé les organes représentatifs de ces partis politiques à privilégier le droit et le cas échéant à recourir aux compromis politiques, le compromis politique ils savent ce que ça veut dire.

Enfin neuvièmement, les participants à la réunion ont présenté leurs profondes gratitudes à l'Organisation des Nations Unies aux Etats membres pour la part qu'ils ont voulu prendre pour aider le Rwanda à retrouver la paix et à réussir ses programmes de reconstruction nationale.

Dixièmement et enfin nous allons en conséquences rappeler à toutes les forces politiques du pays pour qu'elles fassent tout, qu'elles fassent tout afin de répondre aux bonnes dispositions de la communauté internationale envers le Rwanda, et par promouvoir la dynamique de paix et de reconciliation nationale. ça a été fait à Kigali, le 27 décembre 93 encore une fois signé le e.. le MRND, Joseph Nzirorera Secrétaire Généra..Secrétaire nationale pouir le PL Justin Mugenzi Président, pour le..le MDR Docteur Donat Murego Secrétaire Exécutif, pour la présidence de la République et Enock Rugira Directeur de cabinet et Juvénal Renzaho Conseiller à la présidence.

Nshuti mwumva radio yanyu Radio RTLM dufite saa tanu n'iminota irindwi hano i Kigali. Nababwiye nti gusoma ibintu bya politique ukagenda..ubisesengura kandi ukabisesengura mu magambo make biraruhije, kubera ko interuro ku yindi ntugomba kuyivuga uko iri kandi ukayivuga nyine mu bwenge bwa politiki. Icyo navuga bavuze ni uko bashaka amahoro.Bagashaka ko amashyaka amashyaka, azajya muri Gouvernement, ayo mashyaka afite ba représentants légals barabafite, bitoreye bayi..bashyizeho ayo mashyaka les fondateurs barahari baritoye baratorwa, amashyaka ni ayabo abo ngabo rero ni bo Perezida wa Repubulika abaza ati " mumpe Abadepite".

Ubwo ni uburenganzira bwa Perezida wa Repubulika, ibyo bintu birazwi birasanzwe. Iyo bayita "pouvoir législatif" mu Gifaransa, hum ! Ahari nabo bita pouvoir exécutif ni bo Gouvernement, bakaba bavuga bati umuntu usaba Abaministre ni nde ? Ni Premier Ministre désigné, usaba ayo mashyaka n'ubundi ati "mumpe ba Ministre nk'uko twabisezeranye Arusha, nk'uko byemewe i Kinihira", ati "mumpe ba Ministre" aman...amagor..e..he ? Amananiza ari hehe ? Ari he se nyine ? Ntaho ari, ari he se ? Yabwira Inkotanyi muti muduhe ba Ministre, Inkotanyi zo, ejo barababuze rwose ! N'Abadepite babo barababuze, bariya bantu rwose, ubanza ari twe tugorana hano imbere mu gihugu, abandi batatubona we baraduseka. Him !

Twagiramungu Fawustini, ni Premier Ministre désigné, nta wutabizi nta wuta..nta wumuhakanya nta n'ubyanga. Abwire ba Réprésentant légal b'amashyaka barahari barazwi bamuhe abakandida ba Ministre, avugane na bo aganire na bo abo ba Représentant légal ababwire ati : uriya muntu mumpaye wenda simwemera, cyangwa agire gutya gutya avugane na bo kuko byose ni ukuvugana, ntabwo ari ukuroha

igihugu hum, niba ashaka kukiroha byo, baramwangira. Him ! Perezida wa Repubulika na we arabyemera, abwire abo ba Représentant légal b'amashyaka amashyaka menshi rwose, uretse Parti Démocrate, les démocrates baravuze bati "nta Mudepite tuzanga ndetse na Parti CDR yababwiye hakiri kare ko nta Mudepite izatanga, andi mapariti yose ari mu Rwanda yemewe, uko nyaheruka ari cumi n'arindwi ubwo ni cumi n'atanu yasigaye, yose ni ukuzatanga Abadepite.

Ayo mapariti rero nahe Perezida wa Repubulika Abadepite, nyuma ari bo barahira batore Perezida wa Assemblée batore Visi Perezida wa Assemblée, nyuma abategetsi barahire.Hari ikindi se dushaka nta kindi, turashaka amahoro. Dufite saa tanu n'iminota icyenda hano i Kigali, reka tube twiyumvira umuzika ariko kandi dutekereza.. iki gihugu ntitugomba kukigusha mu rwobo, tugomba kukigusha mu mahoro. Dukomeze twumva uwo muzika Ntezimana...rwose umuzika.

**Orateur : Noheli**

(inaudible)ubwo bamwe ubu uzasanga bigiriye mu yandi mashyaka, bati Nayinzira twaramutaye cyangwa byagenze. Ukundi rwose Abanyarwanda icyo mubifuriza ni ubumwe, icyo tubifuriza ni ukumvikana, icyo tubifuriza kuri RTLM ni ukumvikana, ni ukumvikana tukajya mu..mu mucyo tukumvikana, naho ubundi se umuntu wajya abona imodoka inyereye bwa, akigira hariya hirya..N'uwububa abonwa n'uhagaze n'uwububa abonwa n'uhagaze. Ni na yo mpamvu ngira ngo mfite akana k'agakobwa hano, wiga mu wa kangahe ?

K0139377



**Orateur : Uwamariya Angélique**

Niga mu mwaka wa mbere .

**Orateur : Noheli**

Mu wa mbere wa sogonderi ?

**Orateur : Angélique**

-Hu..

-Ngo aka kana kiga mu mwaka wa mbere wa segonderi, witwa nde ?

-Nitwa Uwamariya Angélique

-Uwamaliya Angélique ? Papa yitwa nde ?

-Yitwa Serushago Binesitore

-Mama ?

-Mukahigiro Perepetuwa.

-Mukahigiro Perepetuwa, aki..mama mama wawe ni wa wa mbere mu bitabo buri gihe kwandika théâtre ?

-Hu...

-Hu.. na we waramwiganye rero, cyangwa ugerageza kumwigana ?

-Agerageza kumpimbira ariko na njye nkapfa gufata mu mutwe nanjye nkagerageza ukuntu nazajya nihimbira utuvugo twanjye dutoya.

-Hu..utuvugo twawe dutoya,

-Hu..

-Egera micro rero noneho ufate izi mpapuro zawe, udusomere ibi bintu wahimbye cyangwa se wafatanyije na mama wawe guhimba, uyu muvugo uwudusomere,

ntuteshukwe .

-Hu..

-Urasoma twumva bihita bihita.

**Orateur : Angélique**

Nkumbuye amahoro

Rwanda nziza gihugu cyacu
Ngobyi yahekeye Kanyarwanda
Abeza n'ababi bakagutura
Ukabatetesha ukabatonesha,
Nk'ubu rwose uhogojwe na nde ?
Abagutokoje batumwe na nde ?

Nasanze witwa urwa Gasabo
Ugasabana n'abagusanze
Ubuki n'amata bikagutemba,
Ukabizimanira abagusuye,
Ubwiza bwawe bukabatonda,
Ibyiza byawe bikabaneza.

Wahoze ugendwa n'ingeri zose
Ari ab'ishyanga ari no mu cyanzu,
Abatagutuye bakwifuza,

Abakuvuka bagutonesha,
Amahoro utunze agatangaza,
None ndabona bikendera.

Ibijya gucika bica amarenga,
Bijya gutangira kudogera,
Byarabanje birayoberana,
Umuco uratangira uratokorrwa,
Abato babanza kuwutobanga
Aho kwitonda barasamara,
Buhoro buhoro amahoro ahonga.

Imize n'ibyorezo biratera,
Ubuhehesi burasagamba,
Icyago cya SIDA kirakwira,
Hirya hino baratabaza
Impfubyi zicwa n'imiborogo,
Bityo n'abapfakazi baragwira.

Amarira menshi arakuyogoza,
Amapfa yarangira inzara ikaza
Ubukene bwinshi ubwo buranuma,
Inshuti zitangira kuguhana

Nk'aho upfuye utazazuka,
Kandi Imana iguhora hafi.

Hagishakishwa insinzi yabyo,
Inyagwa y'intambara iba irateye,
Amahoro yimukira amahomvu,
Ahari intaho ya Mwimanyi,
Ubwo hitahira Rusoferi,
Amaganya menshi arakugariza,
Ishusho wahoranye irahindana.

Ubwo umwiryane uba ushinze imizi,
Ubugome bwimikwa nk'urugwiro,
Urugomo rwimikwa nk'urukundo,
Imitima yacu iva mu bitereko,
Ubugambanyi buhabwa intebe,
Induru yikiranya n'impuha,
Ubwo imidugararo ihabona icyuho.

Yoo ! Mbega intimba !
Mbabajwe n'aba bene wacu,
Aba bagutuye amajyaruguru,
Kuva mu byabo bakaba inkeho
Bagasabiriza imisozi yose,

Barataye ibigega iwabo, (arimyoje)
Babahinduye “Mfungurira”.

Ndasaba Imana ngo ibatabare,
Bave mu byari bagire intaho,
Incuke zabo zibone icumbi,
Impfubyi zabo zibone ihaho,
Imbehe zabo zihembuke,
Babone gusingiza Iyaduhanze,
Na bo bacurere ntibacumuye.

Ibyo bikiri aho amashyaka araza,
Nkaho yaje aduhumuriza,
Ahubwo yaje adutatanya,
Azira akarere ataretse amoko,
Inkongi ikwira igihugu cyose.

Yego yaziye igihe nyacyo,
Sinyarwanya ndayashyigikiye,
Ariko nenga ibikorwa byayo,
Kuko biteranya Abanyarwanda,
Ngira ngo yaziye kubahuza.

Abo bayashinga nibashishoze,
Aho gushishisha imifuka yabo,
Bashimishwe no kuba inzego
Twuririraho tuva mu rwobo
Tubone kumwa ibyo batubwira
Batatury arya batujijisha,
Bityo n'igihugu kizahuke.

Ngaho mbwira uko wabibonye.
Ni nde utazi amayeri yabo,
Akarimi keza muri meeting,
U Rwanda rw'ejo ari rwo rubyiruko,
Bakarushora ntibarukure,
Kandi bigira nyoni nyinshi.

Ndabe ntashatse gukengesha,
Ubundi nsanzwe ntari intyoza,
Aho mvuze nabi mwankosora,
Mumbabarire aho nibeshye.
Nyamara impfu..nyamara i.. igi ryahannye inyoni,
N'ubwo nanjye nkiri umwana,
Uwampa akanya nkabaha inama,
Nababwiriza kuba intwari,
Bakungurana ibitekerezo,

Bakajya inama bagashyikirana,
Ikibazo kije bakagicoca,
Bityo n'Imana yabasanga,
Amahoro yacu akatugarukira.

Cyo Mutwa Mututsi Muhutu nyumva,
Mukiga Munyanduga n'Umuganza,
Yemwe n'Umushi wo ku Nkombo,
Nidushire impumu dusabe cyane,
Dushishikarire kubahiriza amasezerano Arusha yashoje,
Asaba abavandimwe kwiyunga.

Muntu wese uvuka i Rwanda,
Nawe muntu ukunda u Rwanda,
Shyiraho akawe uko kari kose,
Inkunga yawe ikenewe bwangu,
Kandi rwose tuzatsinda,
Amahoro meza agaruke i Rwanda.
Yu..nkumbuye amahoro we !
Ndayakumbuye.

**Orateur :Noheli**

Nshuti mwumva radio yanyu, Radio RTLM mumaze kumva aka kana kiga mu mwaka wa mbere wa Sogonderi, mwumvise ukuntu akunze amahoro. Nyamara aravuze ati, "igi ryahannye inyoni". None se inama z'aka kana, aka gasigo, iki gisigo, uyu muvugo, turatu..turabagezaho, kugira ngo abantu bibwirize bumve, nyamara hari abirengagiza ukuri bakureba.

Uratashye ?

Orateur : Angélique

Ngiye gutaha.

-Ugiye gutaha ?

-Hu...

-Yee, ugende amahoro ariko kandi reka baguhe akaririmbo uragatura ba nde inshuti zawe ?

-Ndagatura mbere na mbere abana, abana biga muri Lycée, ndetse n'abana bo mu rugo. Ndagatura cyane cyane n'abanyamashyaka bashyira mu gu..mu gaciro.

-Ye...arababwiye abanyamashyaka bashyira mu gaciro, abana b'imuhira, abo bigana muri Lycée, mwumve ako karirimbo ntabwo avuze menshi, ubwo bose bariyizi. (musique).

...trente une minute à Kigali. Communiqué très important et très urgent : le Président du MRND en Préfecture de Ruhengeri, invite tout les membres du comité préfectoral du MRND Ruhengeri, à une très importante réunion qui se tiendra dans la salle de réunion de l'hôpital Roi Faycal, ce 29 décembre 93 à neuf heure du matin.

Vu l'importance de la réunion la présence de tout un chacun est obligatoire, bligatoire.

Président du MRND en Préfecture de Ruhengeri, docteur Bizimungu, hum Kazimiri Bizimungu, docteur Casimir Bizimungu, Président du MRND Ruhengeri.

Itangazo, iryo tangazo rero Perezida wa MRND muri Perefegitura ya Ruhengeri, atumiye abagize komite ya MRND muri Perefegitura ya Ruhengeri, mu nama ikomeye, ikomeye izabera mu nzu y'inama y'ibitaro byitiriwe Umwami Faycal, iyo nama izaba ejo saa tatu za mu gitondo, ku itariki ya makumyabiri n'icyenda z'ukwezi kwa cumi na kabiri muri uyu mwaka. Kubera ibiri ku murongo w'ibyigwa, buri wese asabwe kuzaba ahari. Hu..kandi ubanza mu Gifaransa la présence de de tout un chacun est obligatoire, agomba kuba ahari. Ni Perezida wa e...m..wa MRND muri Perefegitura ya Ruhengeri, Dogiteri Kazimiri Bizimungu wabisinye.

Dufite n'andi matangazo. Umuryango wa.. Bajyagahe Antoine, umuryango wa Bajyagahe Antoine, wari Perezida w'urukiko rwa kanto i Shyanda, ubabajwe no kumenyesha inshuti n'abavandimwe cyane cyane abana be ari bo Ngabo Eugène ukora muri SONARWA i Kigali, Gatama Louis uri ku Kivugiza, Kagwiza Gertrude uri ku Mumena, Gakunde Jean Berchmas ukora muri Projet Service Agricole ku Kibuye, ko umubyeyi wabo Bajyagahe, Bajyagahe Antoine, yitabye Imana muri iki gitondo cyo kuri uyu wa kabiri tariki makumyabiri n'umunani uku kwezi iwe i Shyanda. Bimenyeshejwe cyane cyane kandi imirya..ngo imiryango, inshuti n'abavandimwe cyane cyane kwa Bwanakweri François uri mu Gakinjiro i Kigali, umuryango wa Modoka Agusitini uri muri Komine Kibali i Byumba, inshuti n'abavandimwe basabwe gutabara, imihango wo kumushyingura uzabera i Save, ejo ku wa gatatu, tariki makumyabiri n'icyenda, muri uku kwezi nyuma ya misa izaba i saa tanu mu kiliziya y'i

sa..y'i Save. Inshuti n'abavandimwe rero ubwo basabwe gutabara.

La politique de défense un défi pour les Etats africains. Les Etats africains ont-ils eu des politiques de défense cohérentes ? Dans cette démocratie naissante, ces Etats pourront-ils maitriser leur politique de défense ? C'est le titre du livre que vient publier , le Major B.M Emmanuel Neretse, aux éditions de l'Imprimerie scolaire. Hommes politiques, diplômates, journaliste militaire,chercheurs étudiants, vous tous qui vous intéressez au problème de défense et de stratégie lisez ce livre d'une actualité brulante écrit par un spécialiste. Vous le trouvez à la librairie CARITAS , chez La Boutique librairie CARITAS, chez la boutique et dans l'alimentation Murisanga, au petit lapin et à l'Hôtel Merdien Umubano, et chez Mako boutique.A Ruhengeri vous le trouverez à l'UNR Nyakinama. "La politique de défense, un défi pour les Etats Africains" un livre écris par le Major BM Neretse.
Abantu benshi, abantu benshi bakomeje kwitabira isoko n'umuzika, rya Rwandacom na RTLM. Tubibutse ko hari uburyo RTLM yashyizeho kugira ngo abafite ibyo bifuza, abafite ibyo bagurisha amamodoka, ibikoresho byo mu rugo, abafite amazu bakodesha, frigos, amatagisi yewe ufite, icyo yifuza cyangwa atanga, uru ni urubuga rwe. Rwandacom ikorera imbere ya MINIPLAN iruhande rwa Caise Hypothécaire, ahari akazu k'amabara, telefone ni karindwi, itandatu na kabiri itatu na karindwi.
Dore ibintu Rwandacom ifite mu isoko, mu isoko n'umuzika, amazu cadastre agurishwa barayafite, photocopieuse frigot magnétoscope jvc biragurishwa, za ordinateurs zimeze neza zigurwa cyangwa zikodeshwa.

Bafite n'amamodoka Fiat REGETTA, Renaut 16, na TOYOTA double cabine imeze

neza yakoze mu rugo gusa, ikaba yarakozwe mu gi... mu mwaka w'igihumbi kimwe magana cyenda mirongo inani n'umunani mu byuma bya TOYOTA nouveau modèle. Bafite kandi na za parcelles zigurishwa, n'amasambu agurishwa, hari kandi na congélateur, congélateur ikodeshwa, isoko ni iryanyu rero abahaha abagurisha, nimugane radio yanyu RTLM cyangwa Rwandacom iruhande gato haruguru ya ya MINIPLAN ahari akzu k'amabara.

Rwandacom muyitelefone kuri karindwi itandatu na kabiri itatu na karindwi, nsubiremo karindwi itandatu na kabiri mirongo itatu na karindwi, kuri RTLM ni mu ru..iza hano kuri radio murazizi ni karindwi mirongo ine na karindwi inani n'umunani. Niba hari icyo wifuza banza utubaze, niba tutagifite wikiririrwa kandi uvunika ushaka amatangazo mu mugi hose ngo aho babimanitse bagurisha RTLM irahari na Rwandacom irahari.

Perezida wa African ASOREKAN Association de Solidarité des Ressortissants du ka..de Kanama, de Kanama, anejejwe no gutumira abanyamuryango bose mu mihango y'umunsi mukuru wo kwizihiza icya mbere isabukuru y'imyaka ibiri umuryango umaze u...ushinzwe, icya kabiri isabukuru y'umwaka umwe umuryango umaze wemewe n'amategeko. Iyo mihango ntikibereye ku kicaro cya TRAFIPRO ku Kicukiro, nk'uko byari biteganyijwe ahubwo uzabera ku mazu ya ART..ARTC ARTC ari mu Nyakabanda ku muhanda wa Kadafi , mu nzu.. munsi munsi y'umuhanda, ujya kwa Mutwe, ku cyumweru tariki ya kabiri Mutarama umwaka utaha guhera i saa tanu za mu gitondo. Aboneyeho no kubifuriza umwaka mushya muhire wa mirongo icyenda na kane. Murakaza neza murisanga.

Nduwimana Ignace aramenyesha, Nyabigega (inaudible) Athanase, uri mu buhungiro i Muhondo, Komine Tare ko agomba e...kohereza Nyira..ndabire..Nyirandabaritse Nyirandabi..Nyirandaribitse ni Nyirandaribitse Korodina kuza kurwaza Ndikubwimana Speza..Siperansiya kuko arwaye cyane. Azamusanga mu bitaro by'i Kigali. E..bamutegere..bamutegerekeye rero muri salle ya gatatu ku gitanda cya cumi. Ni Nduwimana Ignace wabisinyiye.

Ishyirahamwe..DEMOPRO riranga karendali y'urwibutso rw'imyaka miringo itatu n'itanu rubanda rugufi rumaze rwibohoje ingoyi y'ubuhake bwa Cyami, iharanira démocratie irwanya ubuha.. ubukene, ubujiji n'akarengane, igahesha Umunyarwanda wese agaciro ka muntu. Iyo karendare rero iyo karindari ya DEMOPRO, iragurirwa muri Printer Set muri Printer Set no kuri permenance ya MDR i Kigali, igacuruzwa aho musanzwe mugura ibinyamakuru, iyo karindari irangwa n'ifoto ya rubanda rugufi, rurangajwe imbere wa..na Nyakubahwa Gerigora Kayibanda, na bagenzi be bakijije isuka bakikije bakikije isuka yo kurwanya ubukene n'igitabo cyo kurwanya ubujiji.

Reka nsubire muri iri tangazo, ishyirahamwe DEMOPRO ishyirahamwe DEMOPRO riranga karendare y'urwibutso rw'imyaka mirongo itatu n'itanu rubanda rugufi rumaze rwibohoje ingoyi y'ubuhake ya Cyami ruharanira démocratie irwanya ubukene, ubujiji n'akarengane igahesha Umunyarwanda wese agaciro ka muntu . Iyo karendare iragu.. iragurirwa muri Printer Set no kuri Permanence ya MDR i Kigali, igacururizwa aho musanzwe mugura ibinyamakuru. Iyo karindari irangwa n'ifoto ya rubanda rugufi rurangajwe imbere na Nyakubahwa Gerigogi Kayibanda na bagenzi be bakikije isukayo kurwanya ubukene n'igitabo cyo kurwanya ubujiji.

Mu minota cumi n'umunani turaba dufite i saa sita hano i Kigali. Hakizimana Bonavantire ukora kuri hôtel Kiyovu ararangisha uwaba yaramutoraguriye imfunguzo enye ziriho akantu k'agasinga, kazingiyeho, zatakaye ahitwa mu Kagarama ku Kicukiro ku.. kuri Noheri hafi yo kwa Rizinde, uwaba yara..yarazitoye, yazishyira aho ngaho kwa Rizinde cyangwa akaziha uwitwa a..Gasake Pascal, Gasake Pascal utuye na we aho mu Kagarama. Ibihembo by'uwatoye izo mfunguzo yabifata, yabifatira rero kuri hôtel Kiyovu, ni Hakizimana Bonavantire azashaka akabimuha.

Rizabarande Anastase aramenyesha uwitwa Habimana Pierre uvuka muri Komine Kanama Perefegitura ya Gisenyi kwihutira kuza gutwara permis ye yabonetse. Azayisanga munsi ya gare routière aho Rizabarande acururiza kuri e...magasin Kigali Centrale Pak Kigali Centrale Pak, yitwaje amafaranga y'iri tangazo, uwumvise iri tangazo kandi amuzi asabwe kubimumenyesha.
Ati "jyewe Ndorimana François ndamenyesha Kaporali Safari Noheri ukomoka i Rulindo u..ko amufitiye ubutumwa bwihutirwa e.. yamuvaniye imuhira, yihutire rero e.. kumugeraho bidatinze aho akora inyum...

**Fin de la face B.**

**Fin de la cassette.**